## ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

### ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 19 Ukuboza 2024, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Bwana NKUBANA Alphonse, igirana ikiganiro na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi. Inama Rusange kandi yagiranye ikiganiro na Minisitiri w'Ibikorwaremezo.

Mu kiganiro cya Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi kuri "**Gahunda ya kabiri ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere - NST II;** yagaragaje ko Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha ite rambere ishingiye ku Cyerekezo cy'u Rwanda mu mwaka wa 2050, ku Cyerekezo cy'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe mu mwaka wa 2063, no ku Ntego z'Iterambere rirambye z'Umuryango w'Abibumbye mu mwaka wa 2030.

Minisitiri yasobanuye ko muri "Gahunda ya kabiri ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere, ubukungu bw'u Rwanda buzazamuka kugera ku kigero cya 9.3%. Imibereho y'abaturage ikazamuka ku rwego rushimishije, Abanyarwanda bakazagira ubuzima bwiza, barize kandi bafite imirimo myiza. Naho mu rwego rw'Imiyoborere, Minisitiri yagaragaje ko hazaba gutanga serivisi nziza kugera ku kigero cya 90%, ibibazo byo mu rwego rw'ubutabera bikazagabanuka cyane, kandi umutekano w'abantu n'ibyabo uzakomeza kubumbatirwa.

Minisitiri yasabye Imitwe ya Politiki gukora ubukangurambaga kugira ngo intego n'ibikorwa biteganyijwe muri Gahunda ya kabiri ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere bizagerweho. Yasabye kandi Imitwe ya politiki gukorana n'Inzego zose haba mu gukurikirana no kugenzura ko ibikubiye muri iyi Gahunda bikorwa uko biteganyijwe.

Inama Rusange yashimye ibikubiye muri Gahunda ya kabiri ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere (NST II), yizeza Minisitiri ko izagira uruhare mu gushishikariza abayoboke bayo n'abandi banyarwanda muri rusange kugira ngo intego z'iyi Gahunda zizagerweho.

Mu kiganiro na Minisitiri w'Ibikorwa remezo kuri **"Politiki n'ingamba z'Igihugu zo gutwara abantu mu Rwanda mu buryo rusange, by'umwihariko mu Mujyi wa Kigali,** yagaragaje ko gutwara abantu mu buryo bwa rusange bunoze bifasha mu iterambere ry'Igihugu. Akaba ari muri urwo rwego hashyizweho politiki yo gutwara abantu n'ibintu, ikaba ikubiyemo ingamba zikurikira:



GT

- Gushyiraho uburyo bwo gutwara abantu bwizewe, bufite umutekano, bworoheye ababukoresha;
- Gukoresha ikoranabuhanga mu rwego rwo kunoza imitangire ya serivisi;
- Gushyiraho uburyo bwo gushyigikira serivisi yo gutwara abantu n'ibintu aho bibaye ngombwa.

Minisitiri yagaragaje ko **imbogamizi** zihari mu rwego rwo gutwara abantu mu buryo bwa rusange, zirimo: kugabanuka kw'imodoka zitwara abantu mu buryo bwa rusange, imirongo miremire muri gare no ku byapa, imodoka zihenze kuri ba rwiyemezamirimo; ibikorwa remezo bitajyanye n'abakoresha umuhanda; kwiyongera kw'abakeneye serivisi yo gutwara abantu mu buryo bwa rusange butajyanye n'ibikorwa remezo bikenewe; kwiyongera kw'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli bikenerwa mu gutwara abantu n'ibintu; kwiyongera k'umwuka uhumanya ikirere biturutse ku binyabiziga cyane cyane mu Mujyi wa Kigali; ukwiyongera kw'impanuka kubera ubwiyongere bw'ibinyabiziga; n'ibindi.

Kuri ibi bibazo Ministiri yagaragaje ko Leta ifite **ingamba** zihuse n'iz'igihe kirekire zirimo: gutangiza gahunda yo kwishyura intera umuntu yagenze; gushyiraho sosiyeti ya Leta ishinzwe gucunga ikoreshwa ry'imodoka za Leta zikoreshwa mu gutwara abantu ku buryo bwa rusange no gutegura isimbuzwa ryazo; kugerageza ishyirwaho ry'inzira zihariye za bisi zitwarira abantu benshi hamwe; kongera umubare wa za bisi zikoresha amashanyarazi; kwagura imihanda; kuvugurura gare ya Nyabugogo n'amasangano y'imihanda yaho; kubaka umuhanda uzengurutse Kigali; kugenzura iyubahirizwa ry'ibipimo ntarengwa by'imyuka ihumanya ikirere ituruka ku binyabiziga; gukomeza kongera ikoranabuhanga mu gutahura abatubahiriza amabwiriza agenga imikoreshereze y'umuhanda; n'inzira za gari ya moshi.

Inama Rusange yashimye Politiki n'ingamba z'Igihugu zo gutwara abantu mu buryo rusange by'umwihariko mu Mujyi wa Kigali, yizeza ubufatanye kugira ngo intego z'iyi politiki n'ingamba ziteganyijwe bizagerweho.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 19/12/2024.

**GISAGARA Théoneste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**